REPUBULIKA Y'URWANDA

MINISITERI
Y'UBUHINZI
N'UBWOROZI

MINISTRY OF
AGRICULTURE AND
ANIMAL RESOURCES

IBIRO BYA MINISITIRI

Kigali, 24 NOV 2014

N° 007/2014

## AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI AGAMIJE GUKUMIRA IYINJIZWA N'IKWIRAKWIZWA RY'INDWARA N'IBYONNYI BITERWA N'IMBUTO Z'IBIHINGWA ZITUJUJE UBUZIRANENGE

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;**

Hamaze kugaragara ko hari indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa n'ibibikomokaho zikwirakwizwa ahanini n'imbuto;

Hashingiwe ku itegeko N°14/2003 ryo kuwa 23/05/2003 ryerekeye ituburwa, igenzurwa n'icuruzwa ry'imbuto nziza z'ibihingwa;

Hashingiwe kuri politike y'ubutubuzi bw'imbuto mu Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga agenga ubuzima bw'ibimera;

**Atanze amabwiriza akurikira:**

Aya mabwiriza aramenyesha abahinzi, abatubuzi n' abacuruzi b'imbuto zo gutera (imyumbati, ibigori, ibirayi, insina, umuceri, ibishyimbo n'ibindi bihingwa ) ko mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'indwara n'ibyonnyi by'ibihingwa n'ibibikomokaho bagomba kubahiriza ibi bikurikira:

- Ku bantu batumiza mu mahanga imbuto zo gutera bagomba kuba bafite icyemezo cyo kuzitumiza (**Import permit**) gitangwa na MINAGRI mu ishami ryayo rishinzwe ubugenzuzi no gutanga ibyangombwa by'ubuziranenge mu buhinzi n'ubworozi. Icyo cyangombwa kigaragaza ibigomba kubahirizwa mbere y'uko imbuto zinjira mu Gihugu;
- Izo mbuto zigomba kuza ziherekejwe n'icyemezo cy'ubuziranenge (**Phytosanitary certificate**) n'icyemezo cy'ubwiza n'ubushobozi bwo kumera (**Seed quality analysis**) bitangwa n'Igihugu izo mbuto zatuburiwemo;

REPUBULIKA Y'URWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

IBIRO BYA MINISITIRI

- Abantu bose babujijwe guhanahana imbuto ziva mu gace kamwe zijya mu kandi cyane cyane iziva mu bihugu by'abaturanyi zidafite icyemezo kigaragaza ubuziranenge bwazo gitanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;
- Abazarenga kuri aya mabwiriza bazahanwa hakurikijwe amategeko;
- Inzego zishinzwe iyinjizwa ry'ibintu mu Gihugu biva mumahanga zirasabwa kugenzura iyubahirizwa n' ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
- Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze busabwe gufasha iyubahirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
- Ku bifuza ibindi bisobanuro, mwahamagara ku murongo utishyurwa wa MINAGRI : 4127.

**Dr. Gerardine MUKESHIMANA**
**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**

P.O Box 621, Kigali Tel: +250 584644 Fax : +250 585057 Website:minagri.gov.rw